D.2 Patrimoine culturel

Raporo y'umurimo ry'irimbi ry'intwali

2001

MINISITERI Y'URUBYIRUKO
SIPORO N'UMUCO
B.P 1044 KIGALI

Kigali ,kuwa 14/5/2001

D. Culture
Pour suivi en ce qui concerne leurs souhaits
S.G. a.i
4/6/2001

Nyakubahwa Madame Munyamabanga
Mukuru muri MIJESPOC

Impamvu : Kohereza Raporo

A traiter par ........
Date entrée : 30/5/01
N° Classement : 1273/01

Madame Munyamabanga Mukuru ,

Nejejwe no kubohererereza k'umugereka w'iyi baruwa raporo yisurwa ry'irimbi ry'Intwali abanbyeshuri bo mu mashuri mato y'i Remera Catholique I na II bakoze hamwe n'ishuri ryisumbuye ry'i Remera ryabaye taliki ya 3, 10 n'iya 11Gicurasi 2001.

Mbaye mbashimiye uburyo muri buyakire

Mugire Amahoro

HABIYAMBERE Béatrice

# GUSURA IRIMBI RY'INTWARI

I . Abanyeshuri bo mu mashuri mato .

Taliki ya 3 n'iya10 Gicurasi 2001 abanyeshuri bo mu mashuri mato (primaires) ya Remera Catholique ya mbere n'iya kabiri biga mu mwaka wa gatanu no mu wa gatandatu bagera kuri 481 basuye irimbi ry'intwali i Remera . Iryo surwa ry'irimbi rikaba riri mwisomo bahabwa rya histoire na civisme . Abo banyeshuri bari baherekejwe n'abarimu babo hamwe n'uwungirije Inspecteur d'arrondissement w'amashuri mato n'ayisumbuye mu mujyi wa Kigali .

Mbere yuko basobanurirwa ibyerekeye irimbi ry'intwari , Bwana Butoto yababwiye yuko bajyaga batinya kwegera iryo rimbi kuko bibazaga ko habujijwe kuhagera none bakaba bagiye kwirebera ibihari . Mbere yo kwinjira basobanuriwe ko hashyinguwe Intwari Fred RWIGEMA n'Umusirikare utazwi.
Bwana BUTOTO yakomeje asobanurira abo banyeshuri ko Fred RWIGEMA yafashe iya mbere mu kurwanirira igihugu cye cy'amavukiro aricyo u RWANDA kuko hari abanyarwanda benshi bari baraheze ishyanga bababwira ko u RWANDA ari ruto badafite aho batura n'abandi bari mu gihugu barakandamijwe n'ubutegetsi bubi , akaba aricyo gituma Fred yabaye intwali ajya kwisonga maze afata iya mbere mu kubohoza igihugu kugeza naho ahasiga ubuzima bwe .
Bwana BUTOTO yabwiye abo banyeshuri ko bakwiye gukurikiza uwo murage mwiza Fred RWIGEMA yadusigiye wo kuba intwali . Ati kuba intwali si ukujya ku rugamba gusa ko n'abo banyeshuri bashobora kuba intwali baba aba mbere mu ishuri , bagira uburere bwiza aho bari hose , bakora neza . Abarezi n'abo ko baba intwali bigisha abanyeshuri bakora akazi bashinzwe k'uburezi neza bityo abanyeshuri bakaba abahanga .Yarangije abamenyesha ko ubutwali buranga umuco wacu ari uburere bwiza . Ko bakwiye kurangwa n'umuco mwiza maze bagakura ari intwari mu bikorwa binyuranye . Ati Fred naho yapfuye ariko ntabwo duteze kumwibagirwa kubera ubutwali yagize akadusigira umurage mwiza wo kuzajya tuba intwali .
Colonnel MUSITU yababwiye amateka ya Fred ( imibereho ye , amashuri yize n'ibyo yakoze afasha MUSEVENI mu kubohoza igihugu cya UGANDA) .

Barangije kubwirwa iby'intwari , baberetse ifoto ya Fred RWIGEMA.

IBYIFUZO BY'ABANYESHURI N'ABAYOBOZI BABO

1. Bamaze gusura irimbi ry'intwari bagaragaje icyifuzo cyo gusura ibindi bigo ndangamuco , ndanga mateka nko mu RUKALI , GASABO , Ingoro ndangamurage y'i BUTARE n'ahandi . MIJESPOC ikazabibafashamo mu kujyana abanyeshuri bari kumwe n'abarezi babo . Bavuze ko bazageza vuba muri MIJESPOC i bigo bifuza kuzasura .

II.Abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye .

Lycée de la Lumière yasuye irimbi ry'intwari taliki ya 11/5/2001 . Bari bageze nko ku banyeshuri mirongo itatu ku banyeshuri ijana n'umwe bari bategerejwe gusura iryo rimbi . Nabo bari baherekejwe na préfet de discipline wabo hamwe n'uwungirije umuyobozi w' arrondissement w'amashuri mato n'ayisumbuye muri Kigali. Ariko bikaba byarababaje uwo muyobozi kuko haje bake cyane kandi na bo ntibahagerera ku gihe ati ubutwali bwanyu buzabonekera hehe ko mu dakurikiza ibyo bababwira . Basobanuriwe ko ubwo busitani bw'irimbi ry'intwali ko bahashyinguye Fred RWIGEMA hamwe n'umusirikare utazwi kubera ubutwali bagize babohoza u Rwanda

Colonnel MUSITU yabasobanuriye amateka ya Fred RWIGEMA ( imibereho ye aho yize , ubutwali yagaragaje akiri muri Uganda ) . Bamaze gusobanurirwa ibyo bababwiye ko n'abo bakwiye kuba intwali mu mirimo inyuranye bakora yaburi munsi ari mu'ishuri cyangwa se imuhira iwabo n'ahandi hose baba bari . Ati umuntu utarangwa n'ubutwari aba ari ikigwari ntakwiye no kubaho . Kandi ko bakwiye no kurangwa n'ukuri aho bari hose . Bamaze guhabwa izo nyigisho baberetse ifoto ya Fred bati umurage mwiza w'ubutwari yadusigiye dukwiye kuwukurikiza kuko yaturaze umurage mwiza akaba ari cyo gituma duhora tumwibuka buri mwaka tukamufata nkuko akiriho ku bera ubutwali yagize .

Umwanditsi

HABIYAMBERE Béatrice